
# Bibiliya y'abana

irerekana

# Ingendo zihebuje Pawulo yakoze



yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Janie Forest
Alastair Paterson

yahujwe na: Ruth Klassen


yahinduwe na: Margaret Mbabazi


yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org


©2026 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.



Pawulo na Silasi, abagaragu ba Yesu, bari muri gereza. Oya, nta kibi bari barakoze - bari barirukanye umudayimoni wari mu mugore. Bagaragaje imbaraga z'Imana y'ukuri n'Umwana wayo Yesu, ku bantu b'i Filipi basengaga ibigirwamana. Kubera iyo mpamvu, barafashwe, barakubitwa, kandi barafungwa.








Ushobora kuba witeze ko Pawulo na Sila bari kurakara no kugira inzika. Ariko si ko byagenze. Mu by'ukuri, mu gicuku baricaraga bakaririmba indirimbo zo gusingiza Imana! Imfungwa n'umurinzi wa gereza bose barabyumva.

3

Mu buryo butunguranye, kuririmba birahagarara. Imana yohereje umutingito kugirango uzunguze gereza. Imiryango yose yarakinguwe. Iminyururu ya buri wese yararekuwe.




4




Uwo murinzi w'inzu y'imbohe yumvaga ko imfungwa zose zari zatorotse bitewe n'uwo muvurungano. Iyo hagiraga n'umwe utoroka, umurinzi w'inzu y'imbohe yahanishwaga urupfu. Ikibabaje ni uko uwo murinzi w'inzu y'imbohe yasokoye inkota. Agerageza kwiyahura maze akabyirangiriza.

5

Ariko Pawulo atera hejuru cyane, aramubwira ati "Uramenye ntiwigirire nabi, twese turi hano". Umurinzi w'inzu y'imbohe abonye ibyo, aramubaza ati "Batware, nkore iki ngo nkire?" Baramusubiza bati "Izere Umwami Yesu, urakira ubwawe n'abo mu rugo rwawe". Uwo murinzi w'inzu y'imbohe yarishimye cyane.




6




Ku munsi wakurikiyeho, Pawulo na Sila barafunguwe maze bajya mu yindi migi myinshi, babwira abantu ibya Yesu. Bamwe barabyemeye, abandi bagerageza kubagirira nabi.

7



Ariko kandi, Imana yari kumwe n'abagaragu bayo. Ijoro rimwe, Pawulo yamaze amasaha menshi abwiriza. Umusore wari wicaye ku idirishya ryari rikinguye yasinziriye. Ushobora kwiyumvisha uko byagenze.


8



Abantu bose bari bazi ko uwo musore yapfuye. Ariko Pawulo aramanuka amufata mu maboko, aravuga ati "ubugingo bwe buri muri we". Nuko uwo musore bamuzana ari muzima, ibyishimo biba byose.
9
Pawulo na Sila babonye ibintu byinshi bishishikaje mu rugendo bakoze mu Burayi. Kimwe mu bintu bikomeye cyane byabaye kuri Pawulo, byabaye igihe yari mu bwato. Ayo mato ntiyari amato y'ibyuma, ahubwo yari amato y'ibyuma, yajyaga anyura ahantu hatandukanye mu gihe cy'imvura.
10
Paul yari mu bwato kuko yari yongeye gufatwa. Noneho yagombaga kujya imbere y'umwami w'abami i Roma, umurwa mukuru w'isi. Umuyaga mwinshi watumye ubwato buhagarara. Byasaga n'aho imvura yari igiye kugwa. Urwo rugendo ntirwari rworoheye Pawulo n'izindi mfungwa, ndetse n'abo bari kumwe bose.
11
Pawulo yatanze umuburo agira ati "bagabo, ndabona uru rugendo rugiye kuzamo amakuba". Kapiteni ntiyigeze abatega amatwi. Nuko bajya mu nyanja. Ubwo inkubi y'umuyaga ikaze yari ibateye, abasare bafata imigozi bayihambira ku bwato, biringiye ko ubwo bwato butazarohama. Ubwato nibusaduka, biraba arinva yamazi kuri twese.
12
Ubwato bwarimo umuyaga mwinshi ku buryo kapiteni yategetse buri wese gufasha mu kubworohereza. Ku munsi wa gatatu, na bo ubwabo batangira kujugunya mu nyanja ibikoresho by'ubwato. Wenda ibyo byafasha.
13
Mu ijoro, umumarayika yahagaze iruhande rwa Pawulo amubwira ko ibintu byose bizagenda neza. Nuko abantu bose bagira ubutwari, Pawulo arababwira ati "Nimukomere, kuko nizeye Imana yuko bizaba uko nabwiwe. Icyakora tugomba kuzagwa ku kirwa".
14











Ingendo zihebuje Pawulo yakoze

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Ibyakozwe n'Intumwa 16, 27, 28

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130

20






Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira ngo none aha mbashe kubona ubuzima bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi! Yohani 3:16